**POLISI Y'U RWANDA**

**IBIRO BYA KOMISERI USHINZWE ABAKOZI**
**P.o.Box 6304 KIGALI**
www.police.gov.rw

## ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWINJIRA MURI POLISI Y'U RWANDA

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose bifuza kwinjira muri Polisi ku rwego rw'aba Ofisiye bato (**Cadet course**) ko bazatangira kwiyandikisha ku cyicaro cya Polisi mu karere (DPU) batuyemo kuva tariki ya **07/05** kugeza tariki **17/05/2025,** saa **08h00 -17h00** z'umugoroba mu minsi y'akazi.

Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda.
2. Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 25.
3. Kuba afite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza (**A0**) cyangwa afite icyiciro cya mbere cya kaminuza mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (**A1 IPRC**).
4. Abize ibijyanye n'ibarurishamibare (Statistics), ubuvuzi (Medicine), ubuvuzi bw'amatungo (Veterinary Medecine), ubuforomo (Nursing), uburezi (Education), na "engineering" barakangurirwa kwiyandikisha.
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire byemejwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge.
6. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta.
7. Kuba afite ubuzima buzira umuze.
8. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu.
9. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu.

Abujuje ibisabwa bagomba kuza bitwaje forumirere yujujwe neza iriho ifoto ngufi (photo passport), iboneka ku rubuga rwa Polisi (**www.police.gov.rw**). Fotokopi y'indangamuntu, fotokopi y'impamyabumenyi, n'icyemezo kigaragaza ko ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

Kubindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni: **0788311526**, **0781860024**, na **0788311785**.

Bikorewe i Kigali ku wa 05/05/2025

RWANDA NATIONAL POLICE - DEPT - OF HUMAN RESOURSES MANAGEMENT

**Jacques BURORA**

**ACP**

**Komiseri ushinzwe abakozi muri Polisi y'u Rwanda**